

Urukingo rwa koronavirusi

– COVID-19 Vaccine AstraZeneca (AstraZeneca)

Amakuru agenewe abahawe uru rukingo

Ubwoko bushya bwa koronavirusi butera ubwandu bw'inzira y'ubuhumekero. Abantu benshi bagira ibimenyetso byoroheje cyangwa ntibabigire, ariko bamwe muri bo banashobora kuremba. Abageze mu za bukuru n'abandi basanzwe bafite izindi ndwara bafite ibyago byinshi byo kuremba cyangwa gupfa. Intego y'urukingo rwa koronavirusi ni ukurinda ubuzima.

Ni nde ugomba guhabwa urukingo rwa koronavirusi?

Abantu basabwa guhabwa uru rukingo binyuze muri gahunda z'igihugu z'ikingira bazahabwa uru rukingo igihe ari bo bagezweho mu bashyizwe imbere.

Urukingo ni ubuntu kandi uruhabwa ku bushake. Ruhabwa abantu bari muri Noruvejje.

Ni gute nabona urukingo?

Reba urubuga rw'umujyi utuyemo ubone amakuru yerekeye uhabwa urukingo, uko gutanga urukingo biri gutegura n'igihe bizabera.

Ni gute uru rukingo rutangwamo?

Urukingo ruterwa mu kuboko hejuru. Uhabwa inkingo ebyiri byibuze harimo intera y'ibyumweru 9-12. Ni ngombwa ko ufata urukingo rwa kabiri mu gihe cyateganyijwe. Mbere yo guhabwa urukingo, ubazwa niba uri kumva umeze neza kandi niba umubiri wawe warakiriye nabi izindi nkingo wahawe. Ibuka kuvuga igihe ufite ubwivumbure bw'umubiri, batwite, unywa imiti cyangwa ibindi bibazo by'ubuzima. Birasanzwe ko urukingo rutanzwa iyo ufite indwara y'igikatu n'umuriro urenze 38 °C. Nyuma yo guhabwa urukingo, usabwa gutegereza iminota 20.

Ni gute uru rukingo rukora?

Urukingo rukoresha virusi idatera indwara (virusi yakuwemo ubukana) ifasha kohereza ibigize uduce tw'umutwe wa koronavirusi mu mubiri. Umubiri ukora utundi duce tw'izo poroteyine za virusi ubudahangarwa bw'umubiri bushobora gukoresha. Bityo, ubudahangarwa bw'umubiri bwiga kumenya uduce twa koronavirusi kandi bushobora kurinda umubiri iyo wanduye virusi.

Virusi itwara amakuru ntishobora gukurira mu mubiri kandi ihita icibwamo ibice. Urukingo ntabwo rushobora gutera indwara ya koronavirusi cyangwa indi ndwara yose yanduzwa. Urukingo rwa koronavirusi rukurinda kurwara. Ntabwo ruvura umuntu urwaye.

Ubu buryo bwo gukora inkingo busanzwe bukoreshwa ku nkingo za Ebola.

Ni gute uru rukingo rukora neza?

Urukingo rukurinda indwara iterwa n'ubwoko bushya bwa koronavirusi. Ibyumweru bibiri nyuma yo guhabwa urukingo rwa kabiri, impuzandengo ya 60 % y'abahawe urukingo mu bushakashatsi baranzwe indwara ya COVID-19. icyakora, kurindwa byasaga nk'aho biri hejuru iyo intera iri hagati yo guhabwa inkingo ebyiri yari ibyumweru 9 cyangwa birenze.

Ubushakashatsi bugaragaraza ko urukingo runatanga ubwirinzi ku ndwara ya COVID-19 y'igikatu isaba ko abantu bashyirwa mu bitaro. Ntitwari twamenya igihe uko kurindwa kumara. Iyo ubwirinzi bugabanutse mu gihe runaka, urukingo rwongerera imbaraga urwa mbere rushobora kuba rukenewe. Kuva urukingo rurinda kwandura indwara, runarinda kuyanduza, ariko ntabwo tuzi ngo ni ku ruhe rugero. Bityo, ni ngombwa ko dukomeza kubahiriza inama zo kwirinda ubwandu ziriho.

Ingaruka

Hakurikijwe ubushakashatsi bwakozwe, tuzi neza ibyerekeye ingaruka rusange n'izitari rusange mu bantu bahawe urukingo. Ntabwo twahakana ko habaho ingaruka nke cyangwa ingaruka zigaragara nyuma y'igihe kirekire uhawe urukingo. Inyinshi mu ngaruka zibaho mu minsi mike nyuma yo guhabwa urukingo kandi zikarangira mu minsi mike:

- Abantu barenga kimwe cya kabiri cy'abo bahawe urukingo bagize ububabare aho batewe urushinge.
- Izindin garuka rusange zirimo kutumva umeze neza, umunaniro, kubabara umutwe, kubabara imikaya n'ingingo, gutengurwa, isesemi n'umuriro.
- Izo ngaruka ziba zoroheje kandi ntabwo zikunda kubaho nyuma yo guhabwa urukingo rwa 2.

Akenshi, ingaruka ziba zoroshye cyangwa zidakanganye. Abantu batageze kuri 5 % bagize ingaruka zibabangamiye zitagize icyo zabatwaye ariko bagize ingaruka ku buzima bwabo bwa buri munsu mu minsi mike byamamaze.

Ni iki nakora urukingo rungizeho ingaruka?

Nugira ibimenyetso utari witeze, bikomeye cyangwa bimara igihe kirekire ukaba utekereza ko bishobora kuba byatewe n'urukingo, ubimenyeshe umuganga ukuvura cyangwa undi ukora mu buvuzi kugira ngo agusuzume anakugire inama. Abakora mu buvuzi bafite inshingano zo gutanga raporo buryo bukomeye cyangwa butari bwiteze umubiri witwayemo bakeka ko byatewe n'urukingo. Unashobora kubimenyesha ukoresheje helsenorge.no.

Kwemeza urukingo by'agateganyo

Uru rukingo rwa koronavirusi rwapimiwe ku bantu benshi bakoreweho ubushakashatsi aho ibihumbi byinshi byahawe urwo rukingo. Ubushakashatsi bwakoze mu buryo bumwe nk'ubw'izindi nkingo, ariko igihe cyo kubugenzura cyaragabanyijwe. Inzego zishinzwe kugenzura imiti zatangze urukingo by'agateganyo. Bivuze ko nta makuru ahagije yereke ko ibyiza by'urukingo birenga ibyago rwateza, ariko uwakoze urukingo agomba gukomeza gukora ubushakashatsi bwe no gukomeza guha amakuru y'ubuvuzi zishinzwe gukurikirana ubuvuzi igihe urukingo rubonetse.

Ni uruhe rukingo nahawe?

Iyo uhawe urukingo rwa koronavirusi, rwandikwa mu Kigo gishizimwe kwandika inkongo muri Noruveje cyitwa SYSVAK. Ushobora kubona amakuru kuri helsenorge.no.

Urifuza kumenya byinshi?

Baza muganga ukuvura n'undi ukora mu buvuzi cyangwa usure urubuga rw'ikigo cy'ubuvuzi cya Norwegian Institute of Public Health kuri fhi.no/cvp.